

## **“TWITABIRE IMBONEZAMIKURIRE TURANDURE IGWINGIRA RY’ABANA BATO”**

### **1. Ibenezamikurire y’abana bato ni iki ?**

Mu Rwanda, imbonezamikurire y’abana bato ari yo ECD (Early Childhood Development) ni urusobe rwa serivisi zinyuranye zihabwa umwana kuva agisamwa kugeza yujuje imyaka itandatu hagamijwe ko akura neza mu gihagararo, mu bwenge, mu mibanire n’abandi, mu mbamutima, mu mutekano kandi uburenganzira bwe bukabungabungwa.

### **2. Imbonezamikurire y’abana bato mu kurwanya igwingira ry’abana bato**

#### **Kugwingira ni iki ?**

Kugwingira n’ingaruka z’imirire mibi no kurwaragurika bya hato na hato ndetse no kutitabwaho k’umwana.

#### **Kugwingira biterwa n’iki ?**

Kugwingira biterwa no kuba umwana atarabonye indyo yuzuye igihe kirekire no kurwaragurika

#### **Kugwingira bihombya iki igihugu ?**

Abahanga mu by’ubukungu bemeza ko igwingira rigabanya ubukungu bw’igihugu ku kigero cya 3% by’umusaruro mbumbe w’igihugu. Umwana wagwingiye ntatanga umusaruro nk’uwa mugenzi we bangana utaragwingiye, bityo n’ubukungu bukadindira.

#### **Kuki ari ngombwa gushora mu mwana ?**

Gushora mu mwana mu kugabanya igwingira bigira inyungu nyinshi haba ku muryango no ku gihugu. Abahanga mu by’ubukungu bavuga ko iyo ishoye ifaranga rimwe mu kurwanya igwingira ribyara inyungu ikubye inshuro 16 iyo umwana akuze.

### **3. Ibyiza byo kwita ku mwana hakiri kare**

- Ni ngombwa kwita ku mwana hakiri kare kuko hafi ya 80% by’ubwonko bwe biremwa mu myaka itandatu yambere. Iyo umwana agwingiye mu bwonko, mu mitekereze ye no mu gihagararo, aba atakaje amahirwe atazongera kugaruka no mu bukuru bwe.
- Ababyeyi bafite inshingano yo kwita ku mirire myiza y’umwana, isuku ye, iy’ibikoresho n’aho batuye, uburere buboneye, no kumurinda ihohoterwa iryo ariryo ryose
- Kwita ku mwana hakiri kare bimurinda kugwingira
- Umwana witaweho hakiri kare, akura neza, atsinda neza mu ishuri kandi amenya gufata ibyemezo bikwiye uko agenda aba mukuru.

- Kwirinda biruta kwivuza. Kuvura ingaruka mbi ku mwana utaritaweho kare birahenda. Hari n’ubwo bidashoboka kuko nyuma y’imyaka ibiri kugwingira mu gihagararo mitekerereze ntibivurwa.

#### **4. Ibyingenzi byo kwitabwaho mu mbonezamikurire y’umwana muto**

Ababyeyi bombi ni bo ba mbere bashinzwe kwita ku mikurire myiza y’abana babo. Ababyeyi n’abandi barera abana, bagomba kwita kuri ibi bikurikira:

##### **4.1. Imirire:**

- Umubyeyi utwite afata indyo yuzuye, bikarinda umwana we hakiri kare kugwingira
- Umubyeyi utwite akurikirana ubuzima bwe n’ubw’umwana yitabira kwipimisha kwa Muganga inshuro enye zagenwe. Mu gihembwe cya mbere, ahabwa ibinini by’ubutare na Aside Folike bimurinda kugira ikibazo cy’ibura ry’amaraso mu mubiri
- Umwana ukivuka ashwirwa ku ibere mu miota 30 ya mbere bikamwongerera ubushyuheno guhumeka neza kandi bigafasha nyina guhembera
- Umwana atungwa n’amashereka ya nyina gusa nta kindi avangiwe mu gihe cy’amezi atandatu. Nyuma y’amezi atandatu, akomeza konka ari na ko ahabwa imfashabere igizwe n’indyo yuzuye
- Kuva umwana akivuka ahabwa inkingo zateganyijwe zose kugeza afite amezi 15
- Gupimisha abana buri kwezi kwa muganga cyangwa mu bajyanama b’ubuzima ngo bakurikirane imikurire yabo
- Ababyeyi bagomba kwitabira igikoni cy’umudugudu, kugira umurima w’igikoni, kandi bagaha abana babo amafunguro arimo ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n’ibirinda indwara.

**4.2. Isuku yo kumubiri, iy’bikoresho no mu rugo** kugirango indwara zose zitewe n’umwanada zitagera kumwana

**4.3. Uburere buboneye mu muryango:** Ababyeyi batanga uburere bwiza, urukundo, ubusabane n’abana babo, bakaba intangarugero mu myifatire n’ibikorwa byiza byubakiye ku ndanagagaciro z’umuco nyarwanda.

**4.4. Kurinda umwana ihohoterwa ryose:** Kurinda umwana ihohoterwa ryaba irishingiye ku mvugo mbi, ibitutsi, inkoni, kuvangura abana, kubakoresha imirimo irenze ubushobozi bwabo. Ibihano bibabaza umubiri ntibyemewe.

**4.5. Gutegura umwana kare kwiga:** ababyeyi bagomba gufasha umwana kubona servisi mbonezamikurire mu bigo mbonezamikurire bibegereye cyangwa amashuri y’inshuke agategurwa hakiri kare bikamufasha gukangura ubwonko, kuziga neza no gutsinda amasomo igihe atangiye amashuri abanza.

**4.6. Kutavangura abana:** Abana bose baba abakobwa cyangwa abahungu bagomba kwitabwaho kimwe nta tonesha cyangwa ivangura iryo ari ryo ryose. Abana bafite ubumuga n’ibindi bibazo byihariye bitabwaho by’umwihariko.

#### **5. Ubufatanye mu gushyigikira gahunda zigamije kurandura igwingira**

Inzego z'ubuyobozi, iz'ubuzima, ababyeyi n'abandi bafatanyabikorwa bagomba gukurikiranira hafi gahunda zashyizweho na Leta mu rwego rwo kurandura igwingira ry'abana bato. Muri zo hari:

- Gahunda yo gutanga amata mu bana bagaragaweho ikibazo cy'imirire mibi. Iyi serivisi itangirwa mu bigo nderabuzima
- Gahunda y'inkongoro y'umwana mu mashuri y'inshuke no mu ngo mbonezamikurire y'abana bato
- Gahunda ya Shisha kibondo ku bagore batwite n'abonsa hamwe n'abana bafite hagati y'amezi 6 kugeza na 24 bo mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe
- Gahunda y'igikoni cy'umudugudu no kwigisha uko bategura indyo yuzuye
- Gahunda yo gutanga intungamubiri nyunganiribiribwa nka Vitamin A, ubutare, Zinc, na Ongera-intungamubiri
- Gahunda y'akarima k'igikoni karimo imboga zinyuranye kuri buri rugo
- Gahunda zo kuboneza urubyaro bigamije imikurire myiza y'abana
- Gahunda y'umugoroba w'ababyeyi mu kunoza imibanire, guteza imbere imiryango no kurwanya amakimbirane mu ngo...

## **6. Ingo mbonezamikurire, igisubizo mu kurwanya kugwingira kw'abana bato**

Serivisi z'imbonezamikurire zitangirwa mu muryango no mu ngo mbonezamikurire y'abana bato zaba izo mu ngo, mu bigo by'abishyize hamwe, mu bigo by'amashuri n'ahandi hose abarera abana bahisemo inyubako zibafasha kwita ku mikurire myiza y'abana.

Abana barerewe mu ngo mbonezamikurire babonera hamwe serivisi zinyuranye zihabwa abana bari muni y'imyaka itandatu zirimo iz'imirire, ubuzima buzira umute, isuku n'isukura, gukangura ubwonko bwabo no kubategura kwiga amashuri abanza mu mutekano ukwiye.

Uretse ingo mbonezamikurire zishingiye ku miryango no ku bigo by'iamashuri, birashoboka ko ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD) zishyirwaho ku rwego rw'umudugudu.

Ababyeyi mu midugudu bashobora kwishyira hamwe, mu matsinda y'ingo ziri hagati ya 10 na 15 bakagena urugo abana babo bari muni y'imyaka itandatu bajya bahuriramo, maze bakajya ibihe byo kwita kuri abo bana. Abayobozi, abikorera, abanyamadini n'abandi bafatanyabikorwa barakangurirwa kubigiramo uruhare.